by'ikoranabuhanga no kwihutisha gahunda yo kwigisha abaturage gukoresha ikoranabuhanga;

37. Gukomeza kubahiriza ishyirwa mu bikorwa ry'ibishushanyo mbonera by'imikoreshereze y'ubutaka hagamijwe kurinda ubutaka bugenewe ubuhinzi n'ubworozi;

**C. Kubungabunga ibidukikije**

38. Gukomeza gahunda yo kubungabunga ibidukikije, kubaka ubudahangarwa no guhangana n'ingaruka z'imihindagurikire y'ikirere no kubungabunga urusobe rw'ibinyabuzima;
39. Gukomeza gutera amashyamba mu Gihugu, kuyafata neza no kuyabyaza umusaruro.

**D. Inganda n'ubucuruzi**

40. Gukomeza guteza imbere no gushyigikira gahunda ya « Made in Rwanda » mu rwego rwo kugabanya icyuho mu byo u Rwanda rwohereza n'ibyo rutumiza mu mahanga no kongerera agaciro ibikorerwa mu nganda zo mu Gihugu;
41. Guteza imbere inganda zikorera mu Rwanda by'umwihariko izitunganya ibikomoka ku buhinzi n'ubworozi, ku mpu, izikora imyenda n'izitunganya amabuye y'agaciro;
42. Kwihutisha itegurwa ry'ibishushanyombonera by'ibyanya byahariwe ubukerarugendo hashingiwe ku mwihariko wa buri Karere;
43. Gukomeza kunoza imikorere n'imikoranire hagati ya Leta n'abikorera hagamijwe gukomeza guteza imbere abafite ishoramari cyane cyane irito n'iriciriritse;
44. Kongera imbaraga mu gukusanya imisoro iteganywa n'amategeko no kugabanya umusoro ku nyongeragaciro ukava kuri 18% ukagera kuri 14%;
45. Kongera uburyo bwo kwizigamira kuri buri munyarwanda no kuzamura uko u Rwanda ruhagaze ku rwego mpuzamahanga;

**INKINGI III: IMIBEREHO MYIZA**

**A. Imibereho myiza**

46. Gukomeza kwita ku bacitse ku icumu rya jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 batishoboye;
47. Gushyiraho umushahara fatizo ushingiye ku nzego z'imirimo;
48. Gusonera umushahara w'umukozi udasoreshwa ukava ku 60,000 Frw ukagera kuri 100,000Frw;
49. Gushyiraho gahunda ihamye yo kwita ku bageze mu zabukuru;
50. Guhuza n'igihe amafaranga ya pansiyo ahabwa abageze mu zabukuru;
51. Gukomeza kwegereza abaturage ibikorwa remezo bya siporo n'imyidagaduro no kwimakaza umuco wo gukora siporo;

**B. Ubuzima**

52. Kugabanya inzira umurwayi anyuramo yivuza no kugera kuri serivisi zindi zitandukanye zijyanye n'ubuvuzi hanozwa uburyo bwo kwakira abarwayi;
53. Gushyiraho uburyo pharmacies zose mu Gihugu zikorana na mutuelle de santé no kunoza imikorere ya Postes de sante zihabwa abavuzi;
54. Kunoza ingamba zo kongera umubare w'abaganga n'abakozi bo mu buvuzi no kugenera agahimbazamusyi abakozi bo kwa muganga bakorera mu mavuriro yo mu cyaro.

**C. Uburezi**

55. Gukomeza gushyira imbaraga mu mashuri y'imyuga n'ubumenyingiro, urwego rw'inganda n'abikorera bakagira uruhare rutaziguye mu myigishirize yayo no gukomeza guteza imbere gahunda zo kwimenyereza umurimo;
56. Kongera imbaraga mu burezi bw'ibyiciro by'abafite ubumuga n'abafite ubumuga bwihariye;
57. Kunoza no kongerera imbaraga gahunda yo kugaburira abanyeshuri mu bigo by'amashuri;
58. Kubaka ibikorwaremezo by'imikino n'imyidagaduro mu bigo by'amashuri no guteza imbere siporo n'imikino mu mashuri, ikarushaho kwitabirwa, no gushyiraho gahunda zo gukuza impano mu bakiri bato;
59. Gushyiraho uburyo bunoze bwo gutoza abakiri bato umuco wo gukunda gusoma no kwandika hagamijwe guteza imbere impano zabo;
60. Gushyiraho umwaka utegetswe wo gukora igisirikare ku rubyiruko rw'abasore n'inkumi rurangije amashuri yisumbuye.

**URUTONDE RW'ABAKANDIDA-DEPITE 59 B'ISHYAKA RIHARANIRA DEMOKARASI N'IMIBEREHO MYIZA Y'ABATURAGE (P.S.D) 2024.**

| NO | AMAZINA | INTARA | AKARERE |
|---|---|---|---|
| 1 | MUHAKWA Valens | Amajyaruguru | Gakenke |
| 2 | DE BONHEUR Jeanne d'Arc | Umujyi wa Kigali | Nyarugenge |
| 3 | NIYONGANA Gallican | Amajyepfo | Nyaruguru |
| 4 | UWUBUTATU Marie Thérèse | Iburasirazuba | Bugesera |
| 5 | BIZIMANA Minani Déogratias | Iburengerazuba | Rusizi |
| 6 | HABIMANA Kizito | Amajyepfo | Huye |
| 7 | DUKUZUMUREMYI François | Iburasirazuba | Gatsibo |
| 8 | ISHIMWE Yvonne | Iburengerazuba | Ngororero |
| 9 | KAMUHANDA James Kant | Umujyi wa Kigali | Kicukiro |
| 10 | MUNYANTORE Any Chantal | Amajyepfo | Nyanza |
| 11 | HITIMANA Jean | Amajyaruguru | Musanze |
| 12 | RUTSOBE Michel | Iburasirazuba | Ngoma |
| 13 | NIZEYIMANA Alexis | Amajyepfo | Nyaruguru |
| 14 | UMUHOZA Diane | Amajyaruguru | Musanze |
| 15 | MUKASHEMA Jacquéline | Umujyi wa Kigali | Gasabo |
| 16 | NYIRAMVUYEKURE Nsenga Conscience | Iburengerazuba | Rubavu |
| 17 | MUSHAKAMBA Guillaume | Iburasirazuba | Kayonza |
| 18 | NSENGIMANA Emmanuel | Amajyepfo | Nyaruguru |
| 19 | UWERA Dative | Amajyaruguru | Gicumbi |
| 20 | KWIZERA Olivier | Iburasirazuba | Rwamagana |
| 21 | MUKAGATANA Fortunée | Amajyepfo | Muhanga |
| 22 | HABIYAREMYE Froduard | Amajyaruguru | Rulindo |
| 23 | NYIRANZABAHIMANA Clémentine | Iburengerazuba | Nyamasheke |
| 24 | NDAGIJIMANA Jean Damascene | Iburasirazuba | Kirehe |
| 25 | MUHUNDWANGENDO Françoise | Umujyi wa Kigali | Gasabo |
| 26 | TABU Illuminée | Amajyepfo | Gisagara |
| 27 | SENDANYOYE Marcel | Iburengerazuba | Rutsiro |
| 28 | NAKUREDUSENGE Célestin | Iburasirazuba | Nyagatare |
| 29 | NTANSHUTI Abias | Amajyepfo | Nyamagabe |
| 30 | NIREBERAHO Angelique | Amajyepfo | Nyaruguru |
| 31 | UMWALI Clarisse | Iburasirazuba | Ngoma |
| 32 | MUKANSANGA Clarisse | Iburengerazuba | Ngororero |
| 33 | NAMBAJIMANA Andre | Amajyaruguru | Musanze |
| 34 | NTIHABOSE Aimable | Iburasirazuba | Ngoma |
| 35 | GAHINDA Jean Marie Vianney | Iburengerazuba | Ngororero |
| 36 | MANIRAGABA Jean Bosco | Amajyaruguru | Gakenke |
| 37 | BIMENYIMANA Siméon | Iburasirazuba | Kayonza |
| 38 | TWIZEYE Chantal | Amajyepfo | Huye |
| 39 | UMUGWANEZA Jolie | Amajyaruguru | Musanze |
| 40 | MUNEZERO Noélla | Umujyi wa Kigali | Nyarugenge |
| 41 | BUREGEYA Bernard | Umujyi wa Kigali | Gasabo |
| 42 | RUTIKANGA Fréderick | Iburasirazuba | Nyagatare |
| 43 | IRADUKUNDA Amon | Iburasirazuba | Kayonza |
| 44 | RWEMERA Damien | Iburasirazuba | Nyagatare |
| 45 | IMFURAYABO Alice | Iburengerazuba | Ngororero |
| 46 | MUKAMANA Jeanette | Amajyepfo | Gisagara |
| 47 | NGENZI Jean Marie Vianney | Amajyepfo | Huye |
| 48 | BIMENYIMANA Jean Marie Vianney | Iburengerazuba | Nyamasheke |
| 49 | BIZIMANA Jean Marie Vianney | Amajyepfo | Nyaruguru |
| 50 | BUGINGO Charles | Amajyepfo | Huye |
| 51 | CYEMEZO Pierre Clément | Iburasirazuba | Rwamagana |
| 52 | IRIVUZIMANA David | Amajyaruguru | Gakenke |
| 53 | BIZIMANA Nelly | Amajyaruguru | Musanze |
| 54 | MANIRAGABA Gilbert | Amajyaruguru | Gicumbi |
| 55 | NYIRABAHIRE Théodosie | Iburasirazuba | Rwamagana |
| 56 | IRIZABIMBUTO Rwema | Umujyi wa Kigali | Gasabo |
| 57 | ABEZA Pascaline | Amajyaruguru | Gicumbi |
| 58 | ISHIMWE Ange | Amajyepfo | Huye |
| 59 | MUKANDAYISENGA Marie Chantal | Amajyaruguru | Burera |

## ISHYAKA RIHARANIRA DEMOKARASI N'IMIBEREHO MYIZA Y'ABATURAGE (P.S.D.)

## AMATORA YA PEREZIDA WA REPUBULIKA N'AY'ABAGIZE INTEKO ISHINGA AMATEGEKO, UMUTWE W'ABADEPITE YO KU WA 15 NYAKANGA 2024

# TORA ISHYAKA P.S.D, INTUMWA ITUMIKA

**UBUTABERA, UBWISUNGANE, AMAJYAMBERE**

## I. AMATEKA Y'ISHYAKA P.S.D.

Ishyaka P.S.D. ryashinzwe ku itariki 01 Nyakanga 1991, rikaba ryaragize uruhare rugaragara rifatanyije n'indi mitwe ya politiki mu gutuma imiyoborere mibi
ihagarikwa mu Rwanda no kwimakaza imiyoborere myiza nyuma ya Jenoside
yakorewe Abatutsi mu 1994.

Imigambi na gahunda Ishyaka P.S.D. ryashyize imbere byashyizwe mu bikorwa ku rwego rushimishije.

Ishyaka P.S.D. ryemera ko ubufatanye n'ubwuzuzanye mu miyoborere y'Igihugu kandi idaheza ari yo nzira iboneye y'iterambere rirambye.

Ishyaka P.S.D. ryishimira ko iyo nzira ariyo yashyizwe mu bikorwa muri iyi myaka mirongo itatu (30) ishize Igihugu kibohowe.

Mu matora ya Perezida wa Repubulika n'ay'Abadepite yo mu 2024, Ishyaka P.S.D. ryiteguye gukomeza gutanga umusanzu waryo mu gukomeza guteza imbere demokarasi no kuzamura imibereho myiza ya buri muturage kandi mu bwisungane no mu bufatanye butagira uwo busiga inyuma.

## II. BIMWE MU BIKORWA BY'INGENZI BYAGEZWEHO ISHYAKA P.S.D. RYAGIZEMO URUHARE

### II.A. IMIYOBORERE, POLITIKI N'UBUTABERA

Politiki y'imiyoborere myiza ishingiye ku kwegereza abaturage ubuyobozi n'ubushobozi (decentralization) no kuziba icyuho hagati y'abayobozi n'abayoborwa;
Gukumira no guhana icyaha cya jenoside n'ingengabitekerezo yayo, kurwanya ihakana n'ipfobya bya jenoside yakorewe Abatutsi muri 1994 no guteza imbere Ubumwe bw'Abanyarwanda.
Gusigasira ubusugire bw'Igihugu no guharanira ko Umunyarwanda ahorana umutekano;
Guteza imbere umubano mwiza hagati y'u Rwanda n'amahanga;
Gushyiraho ubutabera bwunga binyuze mu nkiko Gacaca no mu rwego rw'Abunzi no gushyiraho uburyo bwo kumvikanisha abantu bitagombye kunyura mu nkiko;
Kuvugurura imikorere y'inzego z'ubutabera no kubaka Igihugu kigendera ku mategeko.

### II.B. UBUKUNGU

Kwandikisha ubutaka bukaba umutungo bwite w'umuntu;
Guteza imbere ibikorwa remezo binyuranye by'umwihariko mu by' ikoranabuhanga, amashanyarazi, amazi, ubuhinzi n'ubworozi;
Guteza imbere no kubungabunga ibidukikije;
Gutunganya amategeko ajyanye n'ubucuruzi, ishoramari n'imicungire y'imari mu Rwanda;
Kongera ingufu z'amashanyarazi mu Gihugu hose.

### II.C. IMIBEREHO MYIZA

Gusonera umushahara w'umukozi udasoreshwa uvuye ku 30,000 Frw ukagera kuri 60,000 Frw;
Umushahara w'umwarimu mu mashuri y'inshuke, abanza n'ayisumbuye warongerewe;
Amashuri y'incuke, abanza, ayisumbuye n'ay'imyuga n'ubumenyi ngiro yariyongereye;

Abanyarwanda bashyiriweho uburyo bwo kwiteganyiriza no kwizigamira ;
Ibikorwaremezo by'ubuvuzi ku nzego zitandukanye mu Gihugu hose byarubatswe.

## III. GAHUNDA N'INGAMBA BY'ISHYAKA P.S.D. MURI MANDA YA 2024-2029

### INKINGI YA MBERE: POLITIKI, IMIYOBORERE N'UBUTABERA

Muri politiki, imiyoborere n'ubutabera, muri Manda ya 2024-2029 Ishyaka P.S.D. rizaharanira ko gahunda n'ingamba zikurikira zitabwaho:

**A. Demokarasi**

1. Gukomeza gushimangira no kubahiriza amahame remezo akubiye mu ngingo ya cumi (10) y'Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda;
2. Kwimakaza umuco w'ibiganiro mu nzego zose z'Igihugu no guharanira ko ihuriro ry'Igihugu nyunguranabitekerezo ry'imitwe ya politiki rikorera ku rwego rw'Akarere;
3. Kongera umubare w'abagize Inteko Ishinga Amategeko, umubare w'Abadepite ukava kuri 80 ukagera ku 120, Abasenateri bakava kuri 26 bakagera kuri 40.

**B. Imiyoborere**

4. Gukomeza gushyiraho ingamba zo guhashya ruswa n'ibyaha bifitanye isano nayo;
5. Guharanira ko ubuyobozi bw'inzego z'ibanze butorwa butabangikanywa n'ubuyobozi bw'imitwe ya politiki;
6. Guharanira ko mu Nteko Ishinga Amategeko no mu zindi nzego zifatirwamo ibyemezo habamo 50% y'abagore na 50% y'abagabo;
7. Kwimakaza gahunda ya Ndi umunyarwanda.

**C. Kwegereza abaturage ubuyobozi n'ubushobozi**

8. Kongera ububasha n'ubushobozi bw'imirenge n'utugari mu birebana n'ingengo y'imari n'abakozi mu rwego rwo gukomeza kwegereza ubuyobozi abaturage;
9. Buri Murenge ukwiye kugira uwuhagarariye mu Nama Njyanama y'Akarere.

**D. Ubutabera**

10. Gushyira mu bikorwa ibyo amategeko ateganya ku birebana n'ibihano bitari igifungo hagamijwe kugabanya ubucucike mu magororero;
11. Kongerera ubushobozi urwego rw'ubutabera kugira ngo imanza zihutishwe;
12. Gukomeza guteza imbere umuco w'ibiganiro n'ubwumvikane, gukemura amakimbirane bigashingira ku butabera bwunga no gushyiraho urwego rwihariye rukurikirana imikorere y'ubutabera bwunga;
13. Kurangiriza ku gihe imanza zaciwe n'inkiko no kunoza ibikorwa bya cyamunara y'imitungo y'abaturage igihe batsinzwe mu nkiko;
14. Kurangiza burundu imanza z'imitungo zaciwe n'inkiko gacaca, mu rwego rwo guha ubutabera abarokotse jenoside yakorewe abatutsi mu 1994.
15. Gufata neza inzibutso z'abazize Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 no gukomeza kuzibungabunga.

**E. Kurwanya ingengabitekerezo ya Jenoside**

16. Gukomeza ingamba zo kurwanya ingengabitekerezo ya jenoside haba mu Rwanda no mu mahanga, hibandwa by'umwihariko mu rubyiruko.

**F. Umubano n'amahanga n'umutekano**

17. Gukomeza gushishikariza Abanyarwanda baba mu mahanga kumenya ibikorerwa mu Rwanda no kugira uruhare mu iterambere ry'Igihugu cyacu.
18. Gukomeza gusigasira umutekano w'abantu n'ibintu byabo mu Rwanda no kugira uruhare mu gushaka amahoro n'umutekano mu karere u Rwanda ruherereyemo hashingiwe ku mizi y'ibibazo biriho.

### INKINGI YA II: UBUKUNGU

**A. Ubuhinzi n'ubworozi**

19. Gukomeza gushyira imbaraga mu bushakashatsi buhanga udushya mu buhinzi n'ubworozi, hagamijwe kurengera urusobe rw'ibinyabuzima, kwihaza mu biribwa no gusagurira amasoko;
20. Gukomeza gushyira imbaraga mu gutuburira imbuto z'indobanure zujuje ubuziranenge mu Gihugu, gukora ifumbire, no kongera imbaraga mu gukora ibiryo by'amatungo;
21. Kongera imbaraga mu gukoresha imashini n'ikoranabuhanga mu buhinzi bijyanye n'imiterere ya buri hantu;
22. Gukomeza gushyira imbaraga muri gahunda zo gufata amazi y'imvura, no gushyiraho ibikorwaremezo bifasha kuhira i musozi no gutunganya ibishanga byose bisigaye hagamijwe kongera umusaruro;
23. Gukomeza gushyira imbaraga mu kubaka ibikorwaremezo bifasha muri gahunda zorohereza abahinzi guhunika, gutunganya neza umusaruro no kuwugeza ku masoko;
24. Gushyiraho gahunda zihamye zo kwigisha abahinzi n'aborozi gutunganya, gucuruza no guhunika umusaruro w'ibikomoka ku buhinzi n'ubworozi hagamijwe kubyongerera agaciro mu bwiza no bwinshi;
25. Gukomeza gushyira imbaraga mu gukwirakwiza amatungo magufi n'amaremare mu miryango hagamijwe kongera umusaruro, kurwanya ubukene n'imirire mibi;
26. Kubaka ubushobozi bwo guhitamo amatungo atanga insoro z'indobanure no kuyitaho byihariye;
27. Gushyiraho ibyanya byihariye by'inganda z'ibikomoka ku buhinzi n'ubworozi byibuze kimwe muri buri Ntara hashingiwe ku bwoko bw'ibihingwa n'amatungo bihiganje;
28. Kongera urutonde rw'ibihingwa n'amatungo byishingirwa;
29. Kongera ishoramari mu buhinzi n'ubworozi no gushyiraho ikigo cy'imari cyihariye kigenewe ubuhinzi n'ubworozi gitanga inguzanyo iri munsi ya 10%y'inyungu;

**B. Ibikorwa remezo**

30. Kwihutisha gushyiraho ubundi buryo bwo gutwara abantu mu mijyi no mu Ntara zose, harimo n'inzira zo mu kirere aho bishoboka (cable cars);
31. 31.Kwihutisha gahunda yo kubaka umuhanda wa gariyamoshi;
32. Kwihutisha iyubakwa ry'imihanda ikurikira:
    - ✓ Byimana-Buhanda-Kaduha-Musebeya-Gatare-Gisovu;
    - ✓ Gasarenda-Kunyu-Musebeya;
    - ✓ Kirehe-Mpanga-Nasho-Rwinkwavu;
    - ✓ Rwamagana-Zaza;
    - ✓ Akanyaru belt
33. Guteza imbere ubuhahirane hubakwa amateme n'imihanda ya kaburimbo imbere mu Turere n'ihuza Uturere n'Imijyi minini, hashyirwaho uburyo bwo kuyubaka byihuse mu buryo burambye no kuyisanira igihe;
34. Kongera ibikorwa remezo by'amazi no kunoza gahunda zo gukwirakwiza amazi meza akagera kuri buri rugo;
35. Gukwirakwiza amashanyarazi afite ingufu ashobora gufasha abaturage gukora ibikorwa by'iterambere;
36. Gukomeza kongera imbaraga mu kubaka ibikorwaremezo